*Nzeri 2024* *ikinyarwanda*

# Umva neza!

Mariya yari yicaye iruhande rw'ibirenge bya Nyagasani, yumva amagambo ye. (Lk 10,39)

**Kontakt:** Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Nshuti bakunzi ba go4peace,

„Oh, mbega ukuntu byamfashije! Ubu icya kabiri cy'umutwaro cyavuyeho!" Ibi dukunda kubivuga nk'iyo hari umuntu waduteze amatwi neza abikuye ku mutima. Iyo dushoboye kwifungura tukavuga byose bituremereye, kuko uwo tubitekerereza yaduhaye uwo mwanya mu mutima we, bidufasha kwiyumva neza byimazeyo. Ibyari biremereye biroroha, ibyari bishoborenye bikabona umucyo, ugushidikanya kukavaho.

Mariya n'umuvandimwe we Marita hamwe na musaza wabo Lazaro bari inshuti za Yezu. Mariya yari afite impano yo kumenya gutega amatwi. Igihe Yezu yari iwabo, yamwicaye iruhande ateze amatwi amagambo ye. (Lk 10,39) Yezu na we ubwe yumvise muri we atewe imbaraga n'uko kumvwa ndetse no gutegwa amatwi.

Reka twihatire buri gihe gutanga uwo mwanya w'urukundo kugira ngo dushobore kwakira abandi muri twe hamwe n'ibibahangayikishije, ibyago byabo, ibibazo bafite yemwe n'ibyishimo bibarimo. Twige gutanga guceceka kwacu bigiranywe urukundo, kugira ngo buri wese ashobore kuvuga ibimukora ku mutima.

Mu nama imwe ngirana n'urubyiruko ku cyumweru, hajemo umusore aza kwifatanya natwe. Nafashe icyemezo cyo kumuha umwanya wihariye. Twinjiye mu kiganiro cyuje kwisanzura no kwifungura. Uwo musore wari umunyeshuri yantekerereje ibintu atigeze ashobora kugira undi wundi yabibwira. Namuteze amatwi nitonze. Dushoje, yarambwiye ati: „Ibi biramfashije pe. Mu by'ukuri ndumva mbonye urumuri ndetse ndiyumvamo imbaraga nshya zo gukomeza urugendo rwanjye. Urakoze." – **Umva neza!**

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker